INYANDIKO NGENDERWAHO (ToR)
MU GUTANGA AKAZI K'UMUKOZI UZABA USHINZWE UMUTEKANO W'UBUBIKO BWA SITE

AMAKURU YEREKEYE AKAZI

Ubusobanuro bw'akazi : Gucunga umutekano w'ububiko bw'ifumbire n'imiti bibitse kuri site bizifashishwa mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A.

Icyo azaba ashinzwe: Gucunga umutekano w'ububiko bwa site

Aho azakorera: Kuri Site aho ifumbire n'imiti bibitse.

Igihe akazi kazamara: Amezi abiri n'igice(2.5)

Igihe azatangirira: Nyuma yo gusinya amasezerano

1.INTANGIRIRO

Gahunda yo gutanga ifumbire mvaruganda n'imiti ku bahinzi ba kawa yashyizweho mu rwego rwo kuzamura umusaruro wa kawa. Kawa nk'igihingwa ngengabukungu kandi kimara igihe kirekire mu murima,gikeneye intungagihingwa zunganira ubutaka zihinzeho kugirango ikawa itange umusaruro mwinshi kandi mwiza .

Zimwe mu mbogamizi usanga mu buhinzi bwa kawa nuko hari ubutaka bwatwarwa mu gihe cy'ihinga, ubutaka butwarwa n'isuri cyangwa ubundi butaka bwatwarwa n'izindi ngaruka zitewe nuko butafashwe neza. Kuri izi mbogamizi zijyanye n'ubutaka hiyongeraho ikoreshwa ry' ifumbire idahagije kandi nayo igakoreshwa nabi. Ubu buhinzi bwa Kawa kandi bubangamiwe n'indwara n'ibyonnyi bityo bikagabanya umusaruro haba mu bwiza ndetse no mu bwinshi.

Mugukemura bimwe mu bibazo bibangamiye ubu ubuhinzi hafashwe ingamba zitandukanye kugirango haboneke inyongeramusaruro (ifumbire n'imiti) kandi bikoreshwe neza mu bipimo bya kawa. Mu gihembwe cy'ihinga 2023A, hafashwe ingamba zikubiye mu ngingo zikurikira:

2.IGAMBA ZAFASHWE MUGUTANGA NDETSE NO GUTERA IFUMBIRE N'IMITI BYA KAWA MU GIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2023A

Nkuko bigaragazwa n'isesengura ryakozwe mu kwezi kwa Gashyantare 2020, ibikorwaremezo bidahagije bituma inganda zitunganya kawa zitifashishwa nk'ahantu hahuriweho hakwifashishwa mu kubika ifumbire ndetse n'imiti byo gukoresha mu gihembwe cy'ihinga.urugero nka mirongo itatu na gatanu ku ijana (35%) by'inganda zitunganya kawa ntago zikora ku mihanda,izindi ugasanga nubwo zikora ku mihanda ariko itagendeka ku modoka.byongeye kur'ibyo inganda nyinshi usanga ntabubiko buhagije zifite ndetse n'ubuhari ugasanga arubwo bateganyirije kubikamo umusaruro wa kawa.ugasanga ntabundi bubiko bwa kwifashishwa mu kubika ifumbire ndetse n'imiti.Ntabwo twakwirengagiza ubuke bw'ingengo y'imali mugihe inganda(CWS) zifashishwa nk'ahantu ho gutangira ifumbire n'imiti,aho site zava kuri 204 zikagera kuri 313 bityo bituma amafaranga y'ubwikorezi bw'ifumbire n'imiti yiyongera.

Ikoranabuhanga rya Smart Kungahara System(SKS)azaba aribwo buryo bwonyine buzakoreshwa mugihe cy'itangwa ry'ifumbire n'imiti bihabwa abahinzi ba kawa,aba bishinzwe bazajya bemeza muri iryo koranabuhanga ingano y'ifumbire yahawe umuhinzi ndetse n'umubare w'ibiti bya kawa byatewe umuti.

Gutegura gahunda bizakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya Smart Kungahara System,kandi ifumbire izahabwa umuhinzi ubaruwe mu ikoranabuhanga rya SKS.

Akaba ariyo mpamvu CEPAR kubufatanye n'inganda zitunganya kawa bifuza guha akazi umukozi uzaba ushinzwe umutekano waho ifumbire ndetse n'imiti bizaba bibitse kuri site,azakora agendeye kumabwiriza azahabwa n'umuyobozi w'uruganda agendeye ku masezerano bazasinyana,kugirango abashe gucunganeza ubwo bubiko.

3.INTEGO Z'AKAZI

1) ***Intego z'ibanze*:** Afashijwe n'ubuyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge,umuzamu azakorana nabwo kugirango abashe kuzuza inshingano ze zo gucunga site yahoo ifumbire ndetse n'imiti bibitse mbere ndetse no mugihe bazaba batangiye igikorwa.
2) ***Gutanga raporo:*** Umuzamu agomba gutanga raporo ya buri munsi yerekeye ikibazo yahuye nabyo cyangwa ikindi cyose yabona hafi y'ububiko giteje amakenga agomba kukivuga hagashakwa igisubizo.

4. IBYO UMUKOZI YITEZWEHO

Umuzamu ashinzwe kuzashyira mu ngiro inshingano zikurikira:

a) Gucunga ndetse no kubungabunga imbibe z'ububiko bwa site kugirango hatagira ibibazo byahavuka by'ubujura,kandi akaba yizeyeko hatekanye.

b) Kugeza imbogamizi zose ahuye nazo ku buyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge kugirango zishakirwe ibisubizo.

5.USHINZWE IMIKORERE Y'UMUZAMU

Umuzamu w'ububiko bwa site uzaba yahawe akazi,imikorere ye izajya igenzurwa n'ubuyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge,kandi akamenyako agomba kubahiriza amategeko ndetse n'amabwiriza azajya ahabwa.

6.IGIHE AMASEZERANO AZAMARIRA

Aya masezerano afite agaciro mugihe cy'amezi abiri n'igice (2.5) kuva igihe yashyiriweho umukono n'impande zombi. Umuzamu akazatangira akazi igihe ifumbire n'imiti bizaba bitangiye kugezwa kuri site.

7.AHO UMUKOZI AZAKORERA

Umuzamu w'ububiko azakorera aho site ihereye.

8.IBISABWA KUBASHAKA AKAZI NDETSE N'UBURAMBE

Ushaka akazi agomba kuba yatanga cyangwa yujuje ibi bikurikira.

8.1 AMASHULI :

- Agomba kuba nibura yararangije amashuli abanza.

8.2 UBURAMBE :

- Kuba nibura yarakoze akazi k'ubuzamu imyaka itari munsi y'ibiri (2).
- Agomba kuba afite ubuzima buzira umuze.

8.3 UBURYO BWO GUSABA AKAZI :

Ababishaka bose kandi bujuje ibisabwa bashobora kuzana umwirondoro wabo ndetse na kopi y'irangamuntu aho uruganda rukorera bakabishyikiriza ubuyobozi bw'uruganda rutunganya kawa.

Bikorewe i Kigali ku wa 30 09 2022

Madamu Sandrine URUJENI

Umuyobozi wungirije ushinzwe ibikorwa